GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

11/07/2017

LETA Y'U RWANDA NTIZIHANGANIRA ABAYOBOZI B'AMAKOPERATIVE BABYINA BASOBANYA

Mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'igihugu hashingiwe ku cyerekezo 2020 ndetse n'izindi gahunda, guverinoma y'u Rwanda yashyizeho gahunda y'igihugu yo guteza imbere amakoperative. Ibi byatewe nuko yayabonagamo umusingi w'iterambere rirambye.Kugira ngo ireme n'akamaro k'amakoperative bikomeze bicengere mu banyarwanda, buri mwaka u Rwanda rwifatanya n'ibindi bihugu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'amakoperative.

Kuri iyi nshuro ibirori byiziha uyu munsi byabereye mu karere ka Gicumbi mu murenge wa Nyamiyaga. Hari ku itariki ya 29 Kamena 2017, ukaba warahawe insanganyamatsiko ihamagarira abanyarwanda gukorera hamwe mu makoperative nta usigaye inyuma, hatezwa imbere ibikorerwa mu Rwanda hakanashyigikirwa imiyoborere myiza.

Kuba Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere amakoperative cyarahisemo gukorera ibirori muri aka karere ngo ntabwo ari impanuka nk'uko byemejwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'iki kigo, bwana Appolo Munanura. Yavuze ko ari ibintu byatekerejweho cyane kuko kugeza magingo aya Gicumbi ikomeje kugaragaza ubudasa mu gushyigikira, gukangurira no guteza imbere amakoperative, bikaba bidashidikanywaho ko afite uruhare runini mu iterambere ry'abaturage bayarimo, iry'akarere n'iry'igihugu muri rusange.

Nkuko byavuzwe na Bwana Juvenal Mudaheranwa, umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi ngo muri iki gihe, muri aka karere harabarirwa amakoperative 420 agizwe n'abanyamuryango barenga 100.000, barimo abagore 42. 042 n'abagabo 68.829 bakora mu byiciro bitandukanye byiganjemo ubuhinzi n'ubworozi. Ngo hanabonekamo amakoperative akora ubucuruzi, ubukorikori, uburobyi, gutanga serivisi, ariko hakaba n'andi ari mu bikorwa byo kuzigama no kugurizanya.

Umukamo w'amata utangwa n'izi koperative ubarirwa muri litiro 50. 000 ku munsi, ukaba winjiza buri kwezi amafaranga angana na miliyoni 390.

Aya mafaranga niyo afasha abimbuye muri ayo makoperative ndetse n'abayakoramo, gukemura ibibazo bya buri munsi birimo ibyo kubatunga, kurihira abana amashuri, kwivuza, kwiyubakira amazu, kuzigama n'ibindi. Ibigo by'imari mu karere ka Gicumbi ubu byibitseho umutungo ungana na 79. 798. 304.882 by'amafaranga y'u Rwanda, bikaba bimaze gutanga inguzanyo ingana na 14.693.000.000 Frw.

Umunsi mpuzamahanga w'amakoperative wizihijwe mu karere ka Gicumbi

Muri ibi birori, abayobozi batandukanye bagejeje ku ba nyamakoperative uko bagomba kwitwara kugira ngo amakoperative barimo arusheho kubabera inkingi y'iterambere.

Mu ijambo rye, Bwana Katabarwa Augustin, umuyobozi w'urugaga rw'amakoperative mu Rwanda yemeje ko muri iki gihe mu Rwanda habarurwa amakoperative ibihumbi umunani magana atatu na mirongo irindwi n'eshanu (8.375) yibumbiyemo abanyamuryango miliyoni eshatu n'ibihumbi magana atanu (3.500.000).

Ibirori byitabiriwe n'abayobozi mu inzego zitandukanye

Bwana Katabarwa yavuze ko afata iyizihizwa ry'uyu munsi nk'umwanya wo gusubiza amaso inyuma abantu bakareba intambwe imaze guterwa, ibisigaje gukorwa, maze hakarebwa ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo ibitarashoboka bigerweho. Yatanze ingero z'ibikorwa by'indashyikirwa bimaze kugerwaho hirya no hino mu gihugu amakoperative abigizemo uruhare rufatika. Ni muri urwo rwego yavuze za gare zitandukanye, zubatswe mu gihugu harimo izo mu turere twa Bugesera, Gicumbi, Kayonza, Musanze, Muhanga, Nyagatare na Rwamagana ariko na none bikanajyana n'urwego rw'imitangire ya za serivisi.

Bwana Katabarwa Augustin, Umuyobozi w'urugaga rw'amakoperative

Yanishimiye ko umubare w'amakoperative ugenda wiyongera, kuko nko mu mwaka ushize ubwo hizihizwaga isabukuru nk'iyi, umubare w'amakoperative wari 7.500, muri iki gihe uwo mubare ukaba ugeze kuri 8.375.

Bwana Appolo Munanura, umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ikigo gishinzwe iterambere ry'amakoperative mu Rwanda asanga abantu badashobora kugera ku byo bifuza mu gihe bagikorera mu makoperative adafite gahunda. Yagize ati: ''Dukwiye gukorera muri koperative zifata umwanya zikamenya icyo zishaka kugeraho zigira igenamigambi, koperative zifite inzego zubatse kandi zifasha koperative gukura. Ni koperative zizi gucunga imitungo yazo neza, zifite ubuyobozi bukorera abanyamuryango. Yasabye abaturage bibumbiye mu makoperative kuyitabira uko bikwiye kandi ibyemezo bifatwa bakaba bagomba kubigiramo uruhare. Kuko iyo batabikoze ngo bakurikirane neza, hari bamwe mu bayobozi babi bayayobya, bakayaganisha mu nzira zitandukanye n'izo ba nyirazo bifuza. Yakanguriye abagore n'urubyiruko kwitabira amakoperative.

Yavuze ko ikigo ayobora cyifuza gukorana n'inzego zose ziyobora amakoperative n'abanyamuryango ndetse n'inzego z'ibanze kugira ngo himakazwe umuco w'imicungire n'imiyoborere myiza y'amakoperative n'imitungo yayo. Uyu muyobozi ahamya ko ibyo nibabigeraho bazihutisha umuvuduko w'iterambere ry'amakoperative. Yavuze na none ko bazakomeza kubaka ubushobozi bw'inzego z'imicungire ya za koperative mu rwego rwo kunoza imiyoborere n'imicungire y'amakoperative. Yavuze ko bazafatanya n'inzego z'amakoperative kugira ngo babahe ubushobozi bukenewe kugira ngo bave ku ntambwe bajya ku yindi. Yarangije avuga ko nubwo bafite abafatanyabikorwa benshi batandukanye, abo bakorana ku rwego rwa hafi ari inzego z'ibanze, ngo bakaba barafashe ingamba zihamye zo kunoza imikoranira hamwe nazo.

Yasoje avuga ko bazakomeza gukangurira za SACCO kwitabira gukoresha ikoranabuhanga, asezeranya abari bitabiriye ibi birori ko mu minsi ya vuba, amafishi asanzwe amenyerewe bagiye kuyajugunya, agasimbuzwa za mudasobwa. Ngo ikoranabuhanga ry'amakoperative bagiye kurigira iryabo, hagamijwe kwihutisha cyane ibyo bakora.

Bwana Appolo Munanura aha ijambo umworozi witabiriye gukorera muri koperative bikamuhira

Muri ibi birori hanabaye igikorwa cyo gushimira amakoperative cumi n'atanu yitwaye neza akaba n'intangarugero, Federation imwe ndetse n'uturere icyenda byagiranye imikoranire myiza n'amakoperative. Hanashimwe uturere icyenda twagaragaje ubufatanye budasanzwe mu gushyigikira amakoperative. Utwo turere ni: Rulindo, Nyamasheke, Gasabo, Kirehe, Gatsibo, Rubavu, Nyaruguru, Nyanza na Gicumbi.

Amakoperative 15 yashimwe ni: KOMIKAGI (Gakenke), KOVOKARO (Bugesera) Twuzuzanye ku mwuga, (Karongi) KOKAMU (Kirehe), KOTIKA (Mayange-Bugesera) CO-DERVAM (Burasira zuba) IYAKIB (Gicumbi), KOTAMOKA (Gasabo), KOABIKI (Musanze) KOABUMOCHA (Rubavu), KAJU (Bugesera), Remera Transport Cooperative (Remera) KOTEGIMU (Karongi) Ubwiza Salon, Tujye mu mucyo (Nyamagabe) na Federation RTFC.

Ibihembo byatanzwe byateye ishema ababihawe

N'uturere twarashimwe dushyikirizwa ibihembo

Umushyitsi mukuru muri ibi birori yari Bwana François Kanimba, ministiri w'ubucuruzi, inganda n'ibikorwa by'umuryango w'iburasirazuba bwa Afurika. Yavuze ko ihame ry'imiyoborere myiza rishimangira ko abanyamuryango bagiriwe icyizere na bagenzi babo cyo kuyobora koperative, ribaha inshingano nyamukuru yo kubamurikira ibibakorerwa ariko nabo bakaba bagomba kubitangaho ibitekerezo. Yaboneyeho gushima amakoperative afite imikorere iboneye akaba akomeje kwimakaza ihame ry'imiyoborere myiza.

Yafashe umwanya yihanangiriza cyane bamwe mu bayobozi bakomeje kurangwa n'imico mibi yo kumunga umutungo w'amakoperative. Yagize ati:" Ingeso yo kwikubira imitungo ya za koperative igenda igaragara hirya no hino mu gihugu nicike burundu". Yavuze ko inzego z'ubuyobozi bwa Leta zitazihanganira na gato abazagaragaraho ingeso zigayitse zo kunyereza no gusesagura imitungo ya rubanda.

Yarangije agira ati: "Nta kuntu igihugu cyacu cyaba muri iki gihe gitangarirwa n'amahanga kubera imiyoborere myiza nyamara byagera mu makoperative ngo usange hari ababyina basobanya".

Ihuriro ry'imiryango nyarwanda ishyigikira ibikorwa by'amajyambere y'ibanze CCOAIB, nk'impuzamiryango imaze igihe kitari gito ikora imishinga yo gushishikariza amashyirahamwe n'imiryango igizwe n'abagore ndetse n'urubyiruko kwibumbira mu makoperative, yashimye cyane inama n'impanuro z'abatanze ibiganiro muri ibi birori byanyuze benshi.

Ngo abwirwa benshi akumva beneyo, turizera ko abayobozi b'amakoperative bari baramunzwe n'imikorere mibi, ubu bagiye kwikubita agashyi maze icyizere bagiriwe, kibarememo impagarike, maze babere bagenzi babo, iteme rizabambutsa inyanja y'ubukene. Ubuyobozi bwa CCOAIB bukaba bukomeje gukangurira amashyirahamwe aterwa inkunga n'imiryango iyigize kumva no gucengerwa n'akamaro k'amakoperative. Ubu buyobozi bukaba bwemeza budashidikanya ko ubunyangamugayo bw'abayobozi b'amakoperative ari inkingi ikomeye izatuma akomeza kuba umuyoboro uganisha abanyarwanda ku iterambere rirambye.

Akuzuye umutima gasesekara ku munwa

Byateguwe na Benoit Ndirikiye
Information and Documentation Manager
CCOAIB